



Werurwe 2023

*ikinyarwanda*

## Ubukene bwawe – Amahirwe y'Imana!

**Hahirwa abakene ku mutima, kuko  
Ingoma y'ijuru ari iyabo!**

(Mt 5,3)

**Kontakt:**

Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432  
Mail:  
[meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
[www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

ni nde wifuza gukena? – Ubukene burarushya. Aha abantu bose babyumva kimwe. Hanyuma ivanjiri ikatubwira ibitangaje: „Hahirwa abakene ku mutima, kuko Ingoma y'ijuru ari iyabo!“ Madeleine Delbrêl, umugore wari waracengewe n'iby'imana uturuka mu Bufaransa yanditse agira ati: „Ntimukeke ko byatunezeza kwiyaka byose buri munsi tukisanga nta kintu na kimwe dufite, haba mu biganza byacu, haba mu mutwe yemwe no mu mutima. Ibyishimo byacu ni uko mu biganza byacu, mu mitwe yacu no mu mitima yacu twashobora kuhategura umwanya w'Ingoma y'ijuru igithe kigeze.“ Nyagasani akeneye umwanya mu mutima wa muntu kugira ngo ashobore kuhashyira impano atanga. Kugira ngo umuntu ashobore kwakira impano z'Imana, ni ngombwa kwitoza kuba umukene, imbere y'umuntu wese unkeneye, yaba umunyamahanga, yaba uwo tudahuje ukwemera, ukeneye ko tunganira, uje antunguye ndetse mbona ko ashobora gutuma gahunda zanje zitagenda uko nabiteguye, ni ukuvuga igithe cyose ngeze mu bihe binsaba kwitanga muri ubwo buryo. – Igire umukene kugira ngo utegurire umutima wawe kwakira Ingoma y'ijuru!

Umunsi umwe nahuye na Yuliya ukomoka mu gihugu cya Ukrane. Aturuka mu mu gace bita Cherson. N'ihungabana ryinshi yantekerereje uburyo ibitaro byo mu mugi akomokamo nta mashanyarazi byari bigifite. Mbere yaho twari twaragerageje kugurira Moteri 9 za Kiliziya zihishe abantu benshi bahunze intambara, mu ndaki zazo. Gusa byasaga nk'aho nta moteri n'imwe yari igisigaye ku isoko. Nza kumva ijwi rimbwira rit: Igire umukene imbere y'icyo kibazo! Gerageza na none! Nyuma y'amasha abiri nshakisha kuri murandas, byasaga rwose nk'aho ari ibidashoboka kuza kubona indi moteri. Ubwo nari ngiye kubireka, hanjemo igitekerez: Komeza ushakishe nibura umunota umwe gusa! Narakomeje. Aho nyine kuri urwo rubuga nashakiragaho ngaheba, bakambwira ko zose zagurishijwe kandi nta ny'iyo kohereza bafite, nahabonye indi moteri ihuye neza n'iyari ikenewe. Nyuma y'iminsi mike, moteri yari ingezeho. Ubwo umushoferi wari uyinzaniye yayipakururaga, namubwiye ko ngiye kuyohereza muri Ukrane ahitwa Kherson!. Yahise afatwa n'amarangamutima ankoma ku rutugu arambwira ati: „Unkoreye umunsi! – Mbashimiye ubwitange mufitiye gufasha abantu. Nturuka muri Libani. Kubona ubufasha nzi icyo bisobanuye“.! – **Ubukene bwanje – Amahirwe y'Imana!**